**IBYEMEZO-NGIRO BY'ABANYAMURYANGO BA UNITY CLUB.**

Nyuma y'ibiganiro n'ibitekerezo byatanzwe mu nama ya kane y'umuryango unity club yateranye ku itariki ya 7 Ukwakira 2011, ku nsanganyamatsiko: ''*Intwararumuri mu guhesha Agaciro Umunyarwanda twimakaza ubumwe n'Iterambere'' The role of leadership in promoting our dignity,unity and development'';*

Ku bw'urukundo n'inyungu by'u Rwanda n'Abanyarwanda, Abanyamuryango ba Unity Club twiyemeje:

1. Kubakira ku cyizere Abanyarwanda bifitemo n'icyo bafitiye ubuyobozi bwabo tugakomeza kwihesha agaciro nk'abanyarwanda, guhesha agaciro igihugu cyacu n'ibikorwa by'iterambere tumaze kugeraho;

2. Dushingiye ku ntera tugezeho mu bumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda, gukomeza mu bufatanye n'inzego z'ubuyobozi zitandukanye ibiganiro mu buryo bwimbitse ku bumwe kugirango dukureho inzitizi zikibubangamira;

3. Kurushaho gusakaza ibikorwa n'icyerekezo (vision) by'umuryango Unity Club mu banyarwanda aho bari hose hakoreshejwe uburyo bw'itangazamakuru bugezweho;

4. Gukomeza kubaka ubuyobozi bwiza ntangarugero no kuba Intwararumuri mu kwimakaza ubumwe, ukuri n'imibanire myiza mu banyarwanda aho bari hose

5. Gushingira ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, tugashyiraho icyemezo-ngenderwaho cya buri gihembwe (mot d'ordre du trimestre) kugirango cyibe umurongo ngenderwaho kandi tukabisangira n'abanyarwanda b'ingeri zitandukanye;

6. Gutegura, mu bufatanye na Komisiyo y'ubumwe n'Ubwiyunge n'izindi nzego, gahunda yo gushyigikira ibikorwa by'Abanyarwanda babaye indashyikirwa mu gushimangira agaciro k'Umunyarwanda no kugaragaza ibyiza by'Igihugu haba ku banyarwanda bari mu gihugu cyangwa bari mu mahanga ;

7. Gutegura gahunda yihariye ku rubyiruko igamije kurutoza gukunda igihugu,umurimo no kugira uruhare mu kwiyubakira igihugu

Kugirango ibi dushobore kubigeraho nk'abanyamuryango ba Unity Club turasaba uruhare rwa buri munyarwanda aho ari hose mu gusigasira ubumwe bw'abanyarwanda n'iterambere ry'Igihugu cyacu harimo :

- Kurwanya icyo aricyo cyose cyakongera gutesha agaciro Umunyarwanda no kumusubiza inyuma mu iterambere agezeho;
- Kwima amatwi ibitekerezo n' imvugo usanga mu bitangazamakuru no kuri bamwe mu batifuriza u Rwanda Amahoro bigamije kurangaza abanyarwanda no kudindiza umuvuduko w'iterambere u Rwanda rufite;

- Kwimakaza ubumwe bw'abanyarwanda ,gukomera ku ndangagaciro n'ishema bisanzwe biranga umunyarwanda, gukunda igihugu no guhagurukira umurimo twitegura ejo hazaza heza;
- Ku banyarwanda bari hanze, kugira ishema ryo kuba abanyarwanda bakabigaragaza aho bari bavuga imyato ku byagezweho mu gihugu, bagira uruhare mu kucyubaka;